


DISCOVER
ITS BEAUTY

Igice 3

# IBY' IBANZE WAMENYA KURI ISILAMU

DR. NAJI IBRAHIM



Isilamu itwigisha ko irembo riganisha ku buzima bw'umunezero, bwuzuye, n'ubuzima buhoraho ari ukwemera Allah, Imana imwe rukumbi y'Ukuri, hamwe n'Intumwa yayo ya nyuma Muhamadi, (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Isilamu nanone itwigisha ko kwizera Imana n'abahanuzi bayo ubwabyo bidahagije kugira ngo ugire amahoro yo mu mutima, umunezero, ndetse n'agakiza! Tugomba ahubwo no gusohoza ubushake bwa Allah, binyuze mu kumugaragira wenyine, twumvira amategeko ye, no gukora ibikorwa byiza.

Allah muri Qur'an Ntagatifu yatubwiye ingororano yateganyirije abemeye bakanakora ibikorwa byiza:

**"Na ba bandi bemeye bakanakora ibikorwa byiza; abo ni abantu bo mu ijuru, bazaribamo ubuziraherezo."**
(Qur'an 2: 82).

**"Allah yasezeranyije ba bandi bemeye bakanakora ibikorwa byiza, kuzababababarira no kuzabagororera ibihembo bihambaye."** (Qur'an 5: 9).

**"Mu by'ukuri ba bandi bemeye bakanakora ibikorwa byiza, bazagororerwa ubusitani bwa Firidawusi (Ijuru risumbye ayandi) ari na ho bazakiririwa".** (Qur'an 18: 107)



# Igisobanuro cy'ijambo ISLAM

Ijambo Islam risobanuye Kwicisha bugufi imbere y'ubushake bwa Allah, Imana imwe y'ukuri yonyine. Bityo kwemera ubumwe bw'Imana ***(Tawhiid)***, kumugaragira wenyine, kubaha amategeko ye, no kwicisha bugufi munsi y'amategeko ye ni ryo shingiro ry'ubutumwa bwa Allah yahaye Intumwa zose ndetse n'abahanuzi. Iri jambo "Kwicisha bugufi" nicyo gisobanuro cy'ijambo ry'icyarabu ***'ISLAM'***.

Kubera ko Intumwa zose n'abahanuzi ba Allah bigishije ubutumwa bumwe; n'idini ryabo rigomba kuba rimwe! Qur'an Ntagatifu ishimangira ko **'Islam (Kwicisha bugufi imbere ya Allah)'** ari ryo dini ry'ukuri rya Adamu na Eva ndetse n'ababakomotseho kuzageza ku munsi w'imperuka. Qur'an iragira iti:

**"Mu by'ukuri idini (ry'ukuri) imbere ya Allah ni Isilamu (Kwicisha bugufi imbere ya Allah)."** (Qur'an 3: 19).

**"...Vuga uti "Mu by'ukuri umuyoboro wa Allah ni wo muyoboro nyawo, kandi twategetswe kwicisha bugufi kuri Nyagasani w'ibiremwa byose..."** (Qur'an 6: 71).

**"Ese idini ritari irya Allah ni ryo bashaka, kandi ari We ibiri mu birere no mu isi byicishaho bugufi, bibishaka cyangwa bitabishaka? Kandi iwe ni ho bose bazasubizwa."**
(Qur'an 3: 83).



**"(Yemwe Bayisilamu) muvuge muti "Twemeye Allah n'ibyo twahishuriwe, n'ibyahishuriwe Aburahamu (Ibrahimu), Ishimayeli (Ismail), Isaka (Is'haq), Yakobo (Yaqub) n'urubyaro rwe, ibyahishuriwe Musa, ibyahishuriwe Yesu (Issa) ndetse n'ibyahishuriwe abahanuzi biturutse kwa Nyagasani wabo. Nta n'umwe tuvangura muri bo kandi ni We twicishaho bugufi."** (Qur'an 2: 136).

Mu buryo butanganje, ijambo Islam rigaragara no muri Bibiliya nk'aho yavuze iti:

***"Noneho iyuzuze na yo ubone amahoro, Ubwo ni bwo ibyiza bizakuzaho."*** (Yobu 22: 21).

***"Nuko rero mugandukire Imana."*** (James 4: 7-King James Version).

Bihuye neza neza n'inyigisho za Isilamu aho itwigisha ko kwemera Imana -kudaherekejwe no gukora ibikorwa byiza- ntibihagije kuba byatugeza ku gakiza n'umunezero w'ubuzima buzira iherezo (Ijuru), Bibiliya ibishimangira aho igira iti:

***"Jye Uwiteka ni jye urondora umutima nkawugerageza, nkitura umuntu wese ibihwanye n'inzira ze, uko imbuto ziva mu mirimo ye ziri."*** (Yeremiya 17: 10).

***"Nuko rero nk'uko umubiri udafite umwuka uba upfuye, ni ko no kwizera kudafite imirimo kuba gupfuye"*** (James: 2: 26-King James Version).



# Abayisilamu bashyira mu ngiro

Abayisilamu ntibemera Allah gusa (Imana y'ukuri), ahubwo banakora ibindi bikorwa byiza. Bubahiriza kandi amategeko Yesu, Muhamadi, n'abandi bahanuzi bose bigishije ndetse bakanayakurikiza, nko kwemera Imana imwe y'ukuri, gusali, kubama no kunama mu gihe basali, gusiba, gutanga amaturo n'ibindi bikorwa by'ubugiraneza, bavuga bati: "Imana nibishaka (Insha Allah) "ku byo bateganya gukora mu gihe kizaza, no gukoresha indamutso ya Yesu n'abandi bahanuzi, "Amahoro abe kuri mwe (Assalamu Alaikum)".

Izi ni zimwe mu ngero nkeya gusa n'ibimenyetso byerekana neza ukuri n'ubumwe by'iri dini rihebuje, kandi ryiza, idini ry'abahanuzi bose: Isilamu (kwicisha bugufi munsi y'amategeko ya Allah).

Tubishyize mu ngiro, umuyisilamu cyangwa se undi muntu wifuza kuba umuyisilamu, agomba kwemera inkingi esheshatu z'ukwemera.

# KWEMERA ALLAH
## Imana imwe y'ukuri



**1.Kwemera Allah (Imana)** – Kwemera kubaho kwe, ubumwe bwe (ibyo mu cyarabu bita ***Tawhiid***), ubwami bwe, umwihariko w’amazina n’ibisingizo bye ndetse no kuba ari we ukwiye kugaragirwa.

Qur’an ntagatifu ndetse n’amagambo y’Intumwa y’Imana Muhamadi (Imana iyihe amahoro n’imigisha) byatwigishije amazina ndetse n’ibisingizo bya Allah, Imana y’ukuri, imwe rukumbi. Ntabwo twabasha gusobanukirwa ubuhambare bwa Allah, ariko uko turushaho kumumenya, ni ko turushaho kumukunda no kumugaragira.

Aya ni amwe mu mazina n’ibisingizo bya Allah: Allah (izina bwite ry’Imana), Uwiteka, Imana imwe y'ukuri, Nyirimpuhwe, Umuremyi, Umwami wigenga, Uwera, Umuziranenge, Umuhire, Isoko y'amahoro n’ubutungane, Umucamanza, Umumenyyi wa byose, Ubona byose, Uwumva byose, Ukomeye, Ubabarira byose, Usumba byose, Ikirenga, Ukunda cyane, Umugwaneza cyane, Utanga, Ukuri, n’Uwihangana.

Intumwa Muhamad *(Allah amuhe amahoro n'imigisha)* yaravuze iti: ***"Ibisingizo byiza ndetse no gutungana ni ibya Allah. Mu by’ukuri, Allah akunda ibyiza"***.



**2.Kwemera abamalayika,** Imana yabaremeye kuyisingiza no kuyubaha bashyira mu bikorwa amategeko yayo.

**3.Kwemera ibyo Allah yahishuye,** birimo amagambo y’umwimerere ya Allah yahishuriwe Musa na Yesu (bitari amagambo y’abantu n’inkuru zanditswe n’abanditsi batandukanye bagaragara muri Bibiliya). Qur’an ntagatifu ni ryo jambo ry’Imana ryanyuma ryera kandi ryizewe ryahishuriwe Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n’imigisha).

**4.Kwemera Intumwa za Allah n’abahanuzi be** barimo Adamu, Nuhu (Nowa), Aburahamu, Yohana Umubatiza, Yesu na Muhamadi. Muby’ukuri umuyisilamu ntiyaba ari umwemera nyakuri abaye atemera Musa, Yesu (cyangwa se undi uwo ari we wese) nk’umuhanuzi woherejwe n’Imana y’ukuri imwe rukumbi (Allah), Umuremyi.

**5.Kwemera Umunsi w’imperuka,** ko ari umunsi w’urubanza no kubarurirwa ibyo umuntu yakoze. Abantu bose bazacirwa urubanza na Allah hashingiwe kumyemerere yabo ndetse n’ibikorwa byabo. Nyuma y’uru rubanza, ninde uzemererwa kubaho mu buzima bw’umunezero, buhoraho bwo mu Ijuru? Ninde uzajugunywa mu muriro utazima?



**6.Kwemera igeno** ryagenwe na Allah n’ubumenyi bwe buhebuje kuri byose. Abemeramana birabahagije kuba bizera Allah, banyurwa, bakanezezwa ndetse kandi bakizera ibyo Allah yabageneye byose, byaba byiza, byaba bibi. Mu bihe by’ingorane, bagerageza kutiheba no kudata icyizere. Ahubwo bagerageza gukora ibishoboka byose ngo banoze imibereho yabo, bakanasaba inkunga kwa Allah ndetse n’ibihembo.

Iyi myizerere myiza yo kwizera Allah no kwakira igeno rye bifasha abayisilamu kubaho bafite amahoro yo mu mutima kandi banyuzwe kabone n’ubwo baba bagabwaho ibitero, mumirimo yabo, mu mitungo n’ubukungu byabo nk’uko bimeze mu isi ya none, batanirengagije kandi ubutabera badahabwa, ivangura bakorerwa n’isebanya ribakorerwa.



# Inkingi eshanu z'ubuyisilamu.

Uretse inkingi z'ukwemera, Isilamu itwigisha gushyira uku kwemera mu bikorwa. Uretse gukora ibikorwa byiza muri rusange, abayisilamu bagomba gushyira mu bikorwa inkingi eshanu za Isilamu, ari zo zikurikira:

1.Shahadah (Ubuhamya bw'ukwemera):

**"Ndahamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah".**

Mu cyarabu ni:

أشهد أن لا إله إلا الله وأشهد أن محمدا رسول الله

Ari byo bivugika ngo:

***ASH-HADU AN LA ILAHA ILA ALLAH, WA ASH-HADU ANA MUHAMADAN RASUULULLAH.***

Ubu ni ubuhamya bw'ukwemera umuntu aba agomba kuvuga kugira ngo abe Umuyisilamu; bubumbiye hamwe ukuri, ubwiza n'ukoroha kwa Isilamu.





**2.Salat (Isengesho):**
Gukora iswala eshanu z'itegeko buri munsi. Izi swala zigizwe no guhagarara, kunama no kubama; gusoma imirongo ya Qur'an; gusingiza no kwibuka Allah; gusaba impuhwe, imbabazi ndetse n'ijuru bya Allah.

Ubwiza n'imbaraga z'amasengesho bitwongerera ukwemera, tukagira ihumure ryo mu mutwe, biduhesha gutabarwa, umututuzo, bikanatuma ubugingo, ubwenge n'imitima yacu binyurwa. Uko amasengesho agabanyijwe mu bihe bigize umunsi n'amanywa bisobanuye ko duhora twibutswa Imana (Allah).

Icyiyongera ku bwiza bw'amasengesho ni uko abahanuzi b'Imana barimo Adamu, Nowa, Aburahamu, Musa, Yesu na Muhamadi na bo basengaga bakanubamira Imana y'ukuri imwe rukumbi, Allah, nk'uko natwe tubikora. Mu yandi magambo, abayisilamu batera intambwe mu z'abahanuzi n'Intumwa z'Imana.

Ikindi rero ni uko, ibindi byiza byinshi birimo gukunda Imana, kuyiyoboka, kuyiyegurira no kuyisaba, kugira ubumwe, uburinganire, umurava, kwihangana, kwicisha bugufi no kwiyoroshya, byose biva mu masengesho. Mu by'ukuri, gusenga bivuye ku mutima, kwibuka Allah (dhikr), kumusaba imbabazi (Istighfar), kumusaba ibyo dukeneye (dua), ibyo byose ni urufunguzo rwiza rudufungurira amahoro y'umutima, umututuzo n'imigisha.



**3.Zakat (amaturo):**

Ni ugutanga by'itegeko igipimo runaka mu byo umuntu atunze bigahabwa abakene n'abatishoboye. Zakat yeza imitungo yacu ndetse n'amafaranga, ikanadukiza umururumba n'umubabaro. Yigisha abantu kwita ku bandi no gukundana. Yubaka ikiraro gikomeye cy'urukundo no kubahana hagati y'abakire n'abakene. Mu by'ukuri Zakat ituma habaho ubufatanye n'imikoranire mu bagize sosiyete.





**4.Swawm (igisibo):**


Swawm (igisibo) bisobanuye kwigomwa ibyo kurya n'ibyo kunywa byose ndetse n'ibikorwa by'abashakanye kuva izuba rirashe kugeza rirenze mu gihe cy'ukwezi kwa Ramadhan. Bimwe mu byiza n'amasomo dukura mu gisibo birimo:

- **Inyungu za roho zitagaragara:** bitwongerera Taqwa (gitinya Imana) n'umurava. Gusiba mu kwezi kwa Ramadhan ni amahirwe akomeye yo kubona impuhwe n'imbabazi, no kurokorwa umuriro utazima, no guhabwa ubuzima bw'iteka mu ijuru.

- **Inyungu zijyanye n'amarangamutima:** Mu ishuri rya Ramadhan (igisibo), tubasha kumva inzara abantu babarirwa muri za miliyoni hirya no hino ku isi bahura na yo batabishaka. Ibi bidutera imbaraga zo gusangira n'abandi, kwifatanya na bo mu kababaro, kwicisha bugufi, gutanga ndetse no kugira neza.

- **Inyungu zo kwiga:** gusiba bitwigisha amasomo menshi; urugero, bitwereka ko bishoboka guhinduka cyangwa kureka ingeso mbi nko kurya cyane. Gusiba bishyira ku murongo imyitwarire yacu bikanadutoza kwihangana no kwirinda. Byongeye kandi, bitwibutsa ko Abahanuzi b'Imana, nka Muhamadi, Musa, na Yesu, na bo basibaga.

- **Inyungu z'ubuzima:** Binyuze mu gusiba, umubiri utakaza uburozi bwari buwurimo ndetse n'ibinure bidakenewe. Abaganga n'inzobere mu by'imirire bakunze gusaba abantu kwiyiriza ubusa, bakavuga ko kwiyiriza bitwika imyanda iba mu mubiri w'umuntu bikaba ari n'umuti uvura indwara: Byemejwe ko ari umuti w'indwara zitandukanye.



**5.Hajj (Umutambagiro mutagatifu):**
Hajj ni umutambagiro mutagatifu umuntu akorera ahitwa i Maka. Buri muyisilamu agomba kuwukora rimwe mu buzima bwe igihe cyose abifitiye ubushobozi bw'umubiri (imbaraga), n'ubushobozi bw'umutungo.

Kimwe n'izindi nkingi n'amahame ya Isilamu, Hajj na yo ifite amasomo n'ibyiza byinshi. Abemeramana babarirwa muri za miliyoni b'amabara n'amoko yose, baturutse impande zose z'isi, bitabira umuhamagaro w'Intumwa Aburahamu, (we hamwe n'umugore we Hagali n'umuhungu we Ishimayeli) kuko bafitanye isano n'imihango myinshi ikorerwa muri uyu mutambagiro mutagatifu. Amwe mu mahame n'ibitekerezo bitangaje bishobora kugaragara mu bikorwa mu gihe cya Hajj, harimo: kugandukira no kumvira Allah, ubuvandimwe muri Isilamu, ubumwe, kwihangana, ibitambo, gusenga, gufasha, no gusiba (kwiyiriza). Umutambagiro wa buri mwaka uhamya neza ko Isilamu ari ryo dini rukumbi rigira uguterana nk'uku.

Muri uku guhura kudasanzwe kw'amoko yose n'amabara, bose basenga Imana imwe bakanakurikiza ubutumwa bumwe gusa. Uwitwa Malcolm X n'abandi bavuga ko babibonyemo ubwiza bw'ukwemera nyakuri, ubuvandimwe bwa kisilamu, ndetse n'uburinganire.

Malcolm X yaravuze ati: **"Umutambagiro mutagatifu nakoze waramfashije cyane. Wanyaguriye ubushishozi. Mu byumweru bibiri namaze ku butaka butagatifu, nabonye ibyo ntari narigeze mbona hano muri Amerika mu myaka mirongo itatu n'icyenda mpamaze. Nabonye amoko yose, nabonye abanyafurika b'uruhu rwirabura bafite amaso y'ubururu. Nabonye ubuvandimwe nyabwo, ubumwe nyabwo, nabonye abantu bashyize hamwe mu kugaragira Imana."** (The Autobiography of Malcolm X}

# Imvugo n'amazina by'ibanze bikoreshwa muri Isilamu

**Allah:** Mu cyarabu, Allah ni izina bwite ry'Imana y'ukuri, imwe rukumbi, Umuremyi. Isilamu yigisha ko Allah ari Imana y'ukuri ku bantu bose. Abayahudi n'abakirisitu b'abarabu bakoresha iri zina (Allah) iyo bashaka kuvuga Imana, ni na ryo jambo rikoreshwa havugwa Imana muri Bibiliya zanditse mu cyarabu.

**Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha):** (Amahoro n'imigisha by'Imana bibe kuri we): ni we ntumwa ya nyuma y'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah); yoherejwe ku bantu

**Qur'an Ntagatifu:** Ni ryo jambo rya nyuma ry'Imana y'ukuri, imwe rukumbi (Allah), nk'uko byahishuwe n'Intumwa y'Imana Muhamadi.

**Isilamu:** Kwicisha bugufi munsi y'ubushake bw'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah), Umuremyi.

**Umuyisilamu:** Uwicisha bugufi munsi y'ubushake bw'Imana y'ukuri imwe rukumbi (Allah), Umuremyi.

**Umusigiti (Masjid):** Ni aho abayisilamu basengera hatagatifu kandi hasukuye, ndetse bakanahasingiriza Allah.



Allah mu rurimi rw'icyarabu



Umuyisilamu uri kugaragira Allah



Qur'an Ntagatifu



Izina Muhamadi mu rurimi rw'icyarabu

"Ndahamya ko nta yindi mana ibaho uretse Allah, nkanahamya ko Muhamadi ari Intumwa ya Allah".

Mu cyarabu ni:

أشهد أن لا إله إلا الله وأشهد أن محمدا رسول الله

Ari byo bivuga ngo:


**ACH-HADOU ALLA ILAHA ILLA ALLAH WA ACH-HADOU ANNA MOHAMADANE RASSOULOULLAH.**

Ubu ni ubuhamya bw'ukwemera umuntu aba agomba kuvuga kugira ngo abe Umuyisilamu; bubumbiye hamwe ukuri, ubwiza n'ukoroha kwa Isilamu.

# Waba ufite amatsiko?

Niba ufite amatsiko ukaba unanyotewe no kumenya byinshi kuri Isilamu mu buryo burambuye, gerageza usure izi mbuga zacu zikurikira:

**www.discoveritsbeauty.com**




GLOBAL ACADEMY FOR TRANSLATION AND EDUCATION (GATE)
LONDON | THE UNITED KINGDOM

كتاب أبجديات الإسلام باللغة الرواندية